Mu by'ukuri Allah Nyir'ubutagatifu ababuza kurahira ku babyeyi banyu

Hadith yaturutse kwa Umar Ibun Al Khatwab (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Mu by'ukuri Allah Nyir'ubutagatifu ababuza kurahira ku babyeyi banyu, Umar yaravuze ati: Ndahiye ku izina rya Allah ko ntongeye kubarahiriraho kuva nakumva Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ibibuza naba mbigambiriye cyangwa se mbara inkuru z'uwarahiye muri ubwo buryo."

[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yagaragaje ko Allah Nyir'ubutagatifu yabujije kurahira ku babyeyi, bityo uzashaka kurahira ntazagire undi arahiriraho uretse Allah, ntazanarahirire ku wundi utari Allah. Umar Ibun Al Khatwab (Imana imwishimire) arangije avuga ko kuva akimara kumva ibyo ku Ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) atongeye kurahirira ku kindi kitari Allah.

http://sunnah.global/hadeeth/rw/show/2945